9/8/17

Ubutumwa bwa Padiri Jim .

Mutagatifu Mama Tereza w'iCalcuta yavuze ati, " Iyo urebye n'amaso yawe uzabona umuntu arimo apfa yishwe n'ibibembe ,ariko n'ureba ukoresheje umutima wawe uzabona Yezu kristu" ! Ibi bizatuma ubatekereza kandi ugire n'ubumuntu bwo gufasha bagenzi bawe .

Paruwasi yacu ya mutagatifu Lewu iritegura Picnic kuri "Stricker Grove " kuwagatanu z'ukwezi kwa 9 muri 2017. Hazaba hari icyo kurya ,kunywa ,kandi hazaba hari n'imikino y'abana . Picnic izatangira sakumi n'imwe (5pm) . Niba kandi hari ushaka ko bamutwara adafite uko ahagera asabwe kuba ari muri Parking ya mutagatifu Lewo kuva 4:30 pm . Murakoze cyane muze mwese twishimishe hamwe mubyishimo tuzaba dufite kuri uwo munsi.

Kuwa 11/9/2001 Habaye abiyahuzi iNew-York icyogihe bateye za bombe amazu abiri yikubita hasi hapfiramo abantu benshi cyane . Hashize imyaka cumi nitandatu . Biratangaje kubona byarabaye kugihugu cyacu ,bamwe muritwe twaba twibuka ibyo twarimo turigukora.Icyogihe nari Padiri kuri Corpus Christi iDayton narimaze gukora misa ya mugitondo .Narimo nfata ifunguro rya mugitondo kandi nsoma ibinyamakuru bivuga amakuru ya mugitondo ,ubwo kandi nanarebaga TV.

Hurricane Harvey : Musenyeri yasabye amaparuwasi yose ya Diyosezi ya Cincinnati kwishiramhamwe tugasengera bariya bantu bahuye nabiriya byago byabaye iTeXas ,Kandi n'abakristu bose hano muri America kuzirikana bariya bantu bahuye nabiriya bibazo iTexas kubazirikana mu masengesho yacu yaburimunsi.

Iyobokamana : Amasomo yose yiyobokamana ari mururimi rw'Icyongereza ,amasomo atangwa kucyumweru cyambere n'icyagatatu cy'ukwezi kuva sasita kugeza sasaba mu mazu ya Paruwasi .

Aho batangira ibyo kurya bafungura izafungura kuwagatandatu z'ukwezi kwa cyenda italiki ya 23 kuva sasita kugeza samunani.

Kiliziya ya mutagatifu Lewo yavuzwe mu makuru muri iyiminsi bavugaga akarere ko mu majyaruguru ya " FAIRMOUNT" kuri Televiziyo ya WCPO ushobora kongera kubireba kuri :http://www.wcpo.com/longform/our -forgottenneighborhoods-north-fairmount. Amen.